REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

# UKWEZI KWA MUTARAMA 2015

10 Gashyantare 2015

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2015

Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy' ihindagurika ry' ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2015. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 1,4% mu kwezi gushize kwa Mutarama 2015 ugereranyije na Mutarama 2014. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2014) ryari ku kigereranyo kingana na 2,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 1,4% mu kwezi kwa Mutarama ni:

1. Ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye 1,2%
2. Ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 3,7%
3. Ibiciro by'ibijyanye n'amahoteli na restora 4,7%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2015 na Mutarama 2014, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,8%.

Wagereranya ukwezi kwa mbere (Mutarama 2015) n'ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2014) ibiciro byagabanutseho 0,5%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye -0,7% n'ibiciro ry'ubwikorezi -2,1%.

## B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Mutarama 2015 ibiciro mu byaro byagabanutseho 0,2% ugereranyije na Mutarama 2014. Twakwibutsa ko ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2014) byagabanutseho 1,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,2% mu kwezi kwa mbere ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,3%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2015) n'ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2014) ibiciro byagabanutseho 1,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,6%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Mutarama 2015 ibiciro mu Rwanda byazamutseho 0,4% ugereranyije na Mutarama 2014. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2014) byagabanutseho 0,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 0,4% mu kwezi kwa Mutarama 2015 ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,8%; ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 3,3%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2015) n'ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2014) ibiciro byagabanutseho 1,0%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,1% n'ibiciro by'ubwikorezi byagabanyutseho 2,1%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2014 kugeza muri Mutarama 2015.**

Imbonerahamwe igaragaza **incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Kanama 2013 kugeza Kanama 2014**

*ijanisha* ***ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2014 | | | | | | | | | | | | 2015 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 2.4 | 3.4 | 3.4 | 2.7 | 1.9 | 1.4 | 1.9 | 0.9 | 0.2 | 0.5 | 0.7 | 2.1 | 1.4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 4.3 | 5.6 | 7.9 | 5.8 | 5.4 | 6.1 | 4.5 | 4.7 | -0.6 | -3.2 | -4.9 | -1.7 | -0.2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 3.6 | 4.9 | 6.4 | 4.8 | 4.2 | 4.5 | 3.5 | 3.3 | -0.4 | -2.1 | -3.1 | -0.4 | 0.4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0.2 | 1.2 | 0.7 | 0.6 | -0.7 | -0.5 | 0.3 | 0.2 | 0.5 | 0.6 | -0.7 | -0.3 | -0.5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -2.7 | 1.3 | 3.8 | -0.1 | 0.0 | 0.0 | -0.5 | 0.8 | 0.2 | -0.8 | -1.7 | -1.8 | -1.3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -1.8 | 1.2 | 2.7 | 0.1 | -0.3 | -0.2 | -0.2 | 0.6 | 0.3 | -0.3 | -1.4 | -1.3 | -1.0 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

## Ku bindi bisobanuro:

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR;
yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MANZI Sébastien, Director of Economic Statistics Department, NISR;
sebastien.manzi@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;
lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw ,